www.rtn.rw

# Ibisabwa by'ingenzi kugira ngo Telecentre/cybercafé ikorane na RTN

## A. Iriburiro

Kuwa 30 Gicurasi 2015, RTN yashyize umukono ku masezerano yagiranye na Minisiteri y'Urubyiruko, Ikoranabuhanga n'Isakazamakuru (MYICT) agendanye no kongera serivisi z'Ikoranabuhanga n'Isakazamakuru (ICT) mu baturage. By'umwihariko, intego y'amasezerano n'iyo guhindura centre zitanga service za ICT kandi zisanzwe zikorana na RTN zikaba "**Irembo centres**".Irembo ikazaba ari ahantu hatangirwa service zinyuranye za Leta hifashishijwe ICT bityo abaturage bakagana izi centre kimwe n'izindi zizashirwaho. Aya Masezerano hagati ya RTN na MYICT agamije kandi kongera umubare wa "Irembo" centres hashirwaho n'izindi hirya no hino mu Rwanda cyane cyane hibandwa mu duce tw'icyaro.

Telecentre cyangwa centre Irembo ni ahantu rusange abantu babona serivisi z'ikoranabuhanga n'isakazamakuru cyangwa se indi serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga.Aho hantu kandi hakaba kagaragarira buri wese kandi hemewe na RTN nk'ahatangirwa serivisi z'ikoranabuhanga

Iyi nyandiko irerekana imirongo- ngenderwaho rusange yo kuba "Telecentre" ikorana na RTN ndetse n'uburyo nyiri Telecentre yatanga serivisi zitandukanye binyuze muri RTN ndetse n'ubufasha bwose RTN itanga mu rwego rwo gufasha Telecentre gutera imbere

## B. Ibisabwa by'ingenzi.

1. **Kugendana n'amahame ndangamyifatire**: Ubunyangamugayo ni bwo bwa mbere butera insinzi (butuma utsinda) . Nyir'Telecentre cyangwa Cybercafe akwiriye kugendana n' amahame ndangamyifatire harimo n'amahame yo gukorera mu mucyo.
2. **Kuba wiyemeje kandi ufite ubushake bwo gukora ibijyanye n' ikoranabuhanga**: Nyiri'Telecentre akwiriye kuba ashishikajwe kandi yiyemeje gukora Business inshingiye ku Ikoranabuhanga kandi aharanira cyane iterambere ry'abaturage.
3. **Telecentre igomba kuba iri ahantu hagaragara kandi byorohereye abantu benshi kuyigeraho**: Telecentre ikwiye kuba yorohera abantu kuyigeraho. Bibaye byiza, telecentre yajya ahari urujya n'uruza rw'abantu cyangwa

ahahurirwa n'abantu benshi, nko hafi y'isoko, mu mujyi rwagati, hafi ya gare cyangwa ku muhanda munini.

4. **Amashuri nyiri telecentre agomba kuba afite**:Nyiri Telecentre cyangwa uyicunga umunsi k'uwundi ahomba kuba byibuze afite amashuri atandatu yisumbuye(A2).Singombwa ko aba yarize amasomo ajyanye n'ikoranabuhanga.
5. **Telecentre igomba kuba ikorera mu cyumba gihagije**: Telecentre ikwiye kugira aho ikorera hahagije kandi hafite isuku bihagije.Aho hantu hagomba kuba hafite byibuze ubuso bwa 15m2.
6. **Kuba ufite ibyangombwa bya RDB n'ibindi bikenewe kugirango ukore business ya ICT**(Urugero icyangombwa gitangwa na RURA).Nk'ubundi bushabitsi bwose bukorera mu Rwanda, nyiri Telecentre akwiye guzuza n'ibisabwa n' amategeko kugira ngo umuntu atangize ibikorwa bya Business mu Rwanda. Ibyo bisabwa harimo ibigendanye n'imisoro, kwandikisha ibikorwa mu Kigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) byaba ngombwa ukagira icyemezo cy'Ikigo gishinzwe imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA).
7. **Ibikoresho bisabwa**: Telecentre gakwiye kugira byibuze mudasobwa ebyiri(2) kandi zose zikora neza. Ikindi ni uko Telecentre ikwiye kugira byibuze scanner imwe (1), printer imwe (1) isohora impapuro mu mabara no mu mukara n'umweru, UPS imwe(1), Digital camera imwe(1), (photocopying machine imwe(1).
8. **Porogaramu zisabwa**: Buri mudasobwa ya Telecentre ikwiye kuba ikoresha Windows XP n'izindi zavuba.
9. **Internet isabwa**: Buri hantu hakorerwa iby'ikoranabuhanga hakwiye kuba hariyo itumanaho rya Murandasi ryo ku muvuduko byibuze 256kbps.Ushobora kuhamagara RTN ikaguha servie za Internet yihuta.

**Ukeneye ibindi bisobanuro**

Hamagara: **0789676803,0788286156**

Cyangwa ukatwandikira: pbarera@rtn.rw ,*cyangwa* info@rtn.rw

Wasura kandi urubuga rwacu: www.rtn.rw